Bibiliya y'abana
irerekana



# Yesu ahitamo Intumwa cumi n'ebyiri

yanditswe na: Edward Hughes

yashushanyijwe na: Byron Unger; Lazarus

yahujwe na: E. Frischbutter; Sarah S.

yahinduwe na: Yohani Batisita B.

yasohowe na: Bible for Children
www.M1914.org

©2013 Bible for Children, Inc.
Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi nkuru
igihe cyose utagamije kugurisha.

Yesu yakoze ibintu byiza. yakijije abarwayi, yatanze amahoro ku bari bayabuze mu mitima no mu bitekerezo, Yigishije ijambo ry'Imana.



Abantu benshi basanze Yesu ngo abakize kandi abafashe.



Yiyemeza guhitamO abagabo cumi na babiri muri benshi bamukurikiraga ubudahemuka, kugira ngo bamufashe mu murimo w'Imana.



Niba ufite amahitamo
akomeye, ubanza
gusenga Imana?
Yesu yarabikoze!
kuri wa musozi Yesu
yaganiriye na se
wo mu ijuru.  Yesu
yarasenze kugeza
izuba rirenze.




Yesu yasenze akesha ijoro ryose.

Mu gitondo, Yesu yahamagaye abigishwa be n'inshuti ndetse n'abamwubahaga bose. Muri bo atoranya cumi na babiri kuba abafasha cyangwa intumwa.



Abambere babiri yahisemo ni Simoni Petero na mwene se Andereya.  Baretse umurimo wabo wo kuroba amafi ubwo Yesu yabahamagaraga ngo bamukurikire.



Yakobo na Yohana bene Zebedeyo nabo basize inshundura zabo.



Yesu yahisemo kandi Filipo Barutolomayo, Matayo, Tomasi, Simoni witwa Zelote yakobo mwene Alufayo, Yuda mwene se wa Yakobo na Yuda Isikariyota wahindutse umugambanyi wa Yesu.



Yesu ababwira ko gukora ibyo arimo abasaba ni ngo kubaka inzu ku rutare. Umuyaga w'inkubiri ntuzigera usenya iyo nzu.



Ariko kutubaha ijambo rya Yesu ni ngo kubakira ku musenyi. Iyo umuyaga w'inkubiri uhushye inzu iragwa.



Amwe mu mategeko ya Yesu ntabwo yoroshye. "Umuntu nagukubita umusaya wawe w'iburyo, uzamuhereze n'uw'ibumoso," arigisha "Mukunde n'abanzi banyu" Abantu bakeneye ubufasha bw'Imana ngo babeho nka Yesu.



Yesu abwira abantu ngo ni basenga bajye biherera batagiye aherenga nk'uko bamwe mu bayobozi babikoraga.



Yesu aravuga ati
Imana izagaburira kandi
izambika abamwizera. Imana
igaburira inyoni igaha amabara
meza indabyo n'amababi, abantu
be bagomba kumwiringira ku byo
bifuza.



Yesu yigishije intumwa ze ibintu byinshi uwo munsi. Arangije umurwayi w'ibibembe araza asaba Yesu ngo amukize.



Yesu asubiza umurwayi w'ibibembe ati: "Ndabikora." kira. mugihe intumwa zabirebaga, umunyabibembe araterana aruzura. Ahita akira. Ntawundi wabikora keretse Umwana w'Imana. Intumwa zimenya ko zifite umwarimu mwiza.



Yesu ahitamo Intumwa cumi n'ebyiri

inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

Matayo 4-7, Mariko 1, Luka 6

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana umucyo."
Zaburi 119:130

# Iherezo

Iyi nkuru itubwira iby'Imana yacu nziza yaturemye kandi ishaka ko tuyimenya.

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, yita icyaha. Igihano cy'icyaha ni urupfu, ariko Imana iragukunda cyane kuburyo yohereje umwana wayo w'ikinege, Yesu, apfira ku musaraba maze ahanwa kubw'ibicumuro byawe. Hanyuma Yesu arazuka, ajya mu rugo mu ijuru! Niba wizera Yesu kandi ukamusaba imbabazi z'ibyaha byawe, azabikora! Azaza, abe muri wowe, kandi uzabana nawe ubuzira herezo.

Niba ushaka kuva mu byaha byawe, bwira Imana uti:
Ku nshuti yanjye Mana, Nizera ko Yesu ari jye yapfiriye kandi ko uyu munsi ari muzima. Ndakwinginze ngwino mu buzima bwanjye, mbabarira ibyaha byanjye, kugira ngo none aha mbashe kubona ubuzima bushya, kandi umunsi umwe nzaze kubana nawe ubuzira herezo. Mfasha kukumvira no kubaho ku bwawe nk'umwana wawe. Amina.

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana buri munsi! Yohani 3:16